'Mujye mutoza abana banyu iswalat kuva bafite imyaka irindwi, munabakubite igihe bayiretse bageze ku myaka icumi, kandi mujye mubatandukanya mu buryamo

Hadith yaturutse kwa Amri Ibun Shuayib nawe ayikuye kuri se nawe ayikuye kuri sekuru yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: 'Mujye mutoza abana banyu iswalat kuva bafite imyaka irindwi, munabakubite igihe bayiretse bageze ku myaka icumi, kandi mujye mubatandukanya mu buryamo.
[Hadithi nziza] [Yakiriwe na Abu Dawudi]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko umubyeyi w'umugabo akwiye gutoza abana be baba abahungu cyangwa se abakobwa iswalat igihe bagejeje imyaka irindwi, ndetse akanabigisha ibyo bacyeneye kugira ngo bayikore nk'uko bikwiye. Hanyuma baba bagejeje imyaka icumi, akarushaho akababakubitira kudusali, kandi akanabatandukanya mu buryamo.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/5272